

**A. AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 01024/MINIFOM/2010  
YO KU WA 28/12/2010.....3**

**B. AMABWIRIZA YA BANKI NKURU/**

**REGULATIONS OF NATIONAL BANK/**

**REGLEMENTS DE LA BANQUE NATIONALE**

**N°05/2010 yo kuwa 27/12/2010**

Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeranye n'ibisabwa mu kwemererwa gukora uburyo bw'imyishyuranire n'uburyo bw'ihwanyabwishyu ry'inyandiko z'agaciro....8

**N°05/2010 of 27/12/2010**

Regulation of the National Bank of Rwanda relating to the licensing criteria of operating payment and securities settlement systems.....8

**N°05/2010 du 27/12/2010**

Règlement de la Banque Nationale du Rwanda relatif aux critères d'agrément d'exploitation de systèmes de paiement et de règlement des titres.....8

**N°06/2010 yo kuwa 27/12/2010**

Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yo kuwa 27/12/2010 yerekeranye n'igenzura ry'uburyo bwo kwishyurana n'imirimo y'abatanga serivisi zo kwishyurana.....22

**N°06/2010 of 27/12/2010**

Regulation of the National Bank of Rwanda relating to the oversight of payment systems and the activities of payment service providers.....22

**N°06/2010 du 27/12/2010**

Règlement de la Banque Nationale du Rwanda relatif a la surveillance des systèmes de paiement et des activités des prestataires de services de paiement.....22

**N°07/2010 yo kuwa 27/12/2010**

Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye iyoherezanya koranabuhanga ry'amafaranga n'iherekanya koranabuhanga ry'amafaranga.....38

**N°07/2010 of 27/12/2010**

Regulation of the National Bank of Rwanda on electronic fund transfers and electronic money transactions.....38

**N°07/2010 du 27/12/2010**

Règlement de la Banque Nationale du Rwanda relatif aux transferts électroniques de fonds et aux transactions électroniques de monnaie.....38

**N° 08/2010 yo kuwa 27/12/2010**

Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda akena uburyo abagira uruhare mu buryo bubika inyandiko z'agaciro bemererwa gukora n'ingamba zo kurengera ba nyir'inyandiko z'agaciro.....76

**N° 08/2010 of 27/12/2010**

Regulation of the National Bank of Rwanda on the licensing requirements for participants in central securities depository and the protection of securities holders.....76

**N°08/2010 du 27/12/2010**

Règlement de la Banque Nationale du Rwanda portant les conditions d'agrément de participants au dépositaire central des titres et la protection des détenteurs de titres .....76

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'AMASHYAMBA NA MINE  
BP 447 KIGALI  
Tel : 55101277 / 55101318

---

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 01024/MINIFOM/2010  
YO KU WA 28/12/2010**

**Minisitiri w'Amashyamba na Mine,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo y'i 120;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2008 ryo ku wa 20/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Gucunga no Guteza Imbere Amashyamba NAFA, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Ashingiye ku Itegeko N° 47/1988 ryo kuwa 5 Ukuboza 1988 rigenga ibyerekeye amashyamba mu Rwanda;

Ashingiye ku Byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 08/10/2010;

Asubiye ku Mabwiriza ya Minisitiri N° 01/2003 yo ku wa 14/07/2003; Amabwiriza N° 0001/2004 yo ku wa 16.07.2004; Amabwiriza n° 001/2006 yo ku wa 03.02.2006;

Ashingiye ku myanzuro y'inama yo ku wa 14-15/2010 yahuje Inzego Nkuru za Leta n'Inzego z'Ibanze (Local Government & Central Government);

Amaze kubona ko amashyamba akomeje gusimbuzwa ibindi bikorwa hirya no hino mu Gihugu kandi bitemewe;

Amaze kubona ko impushya zo gusarura amashyamba zitangwa ku buryo butandukanye hirya no hino mu Turere;

Amaze kubona ko amashyamba akomeje kwangizwa mu buryo butandukanye no gusarurwa cyane ariko kuyatera bikaba bititabirwa nk'uko bikwiye;

Amaze kubona ko ibikorwa byo gutwika amatafari hakoreshejwe ibiti bidacika kandi byarabujijwe kenshi;

Amaze kubona impinduka zagiye zibaho mu nzego z'Ubuyobozi bityo inyito zimwe ziri mu Itegeko ry'Amashyamba zikaba zitagikoreshwa;

**Atanze amabwiriza akurikira:**

**Ingingo ya mbere: Kwitabira gahunda yo gutera amashyamba no kuyafata neza**

Gutera amashyamba ni inshingano za buri munyarwanda.

By'umwihariko Inganda z'ibyayi kimwe n'izindi zikenera gukoresha ibiti mu mirimo ya buri muni zigomba kwitabira gutera amashyamba no kuyafata neza;

Mu rwego rwo kworoshya imicungire y'amashyamba no kugabanya umubare w'amashyamba atemwa, Ibigo by'amashuli, Amagereza, Ibigo bihurirwamo n'abantu benshi ndetse n'Abanyarwanda muri rusange bagomba kwitabira gukoresha amashyiga ya kijyambere azigama inkwi n'ibindi bicanwa bitari ibiti nka biogaz, nyiramugengeri n'imirasire y'izuba.

**Ingingo ya 2: Gutera ibiti ku Mihanda**

Imihanda yose igomba kuba iteyeho ibiti mu nkengero zayo nibura imirongo ibiri y'ibiti uherye muri metero ebyeri (2) uvuye ku nkengero z'umuhanda.

**Ingingo ya 3: Gutera ibiti ku nkengero z'Ibiyaga, Imigezi n'Ibishanga**

Ibiyaga n'Ibishanga ndetse n'Imigezi bigomba gukikizwa n'ibiti byatoranijwe bitewe na buri hantu.

**Ingingo ya 4: Ishyamba ry'Umudugudu**

Buri Mudugudu ugomba kugira ishyamba ry'Umudugudu. Aho bishoboka hose, buri Mudugudu ugomba gutera ishyamba kuri nibura ha 15 z'inyongera bitarenze umwaka w'i 2013 bihwanye hafi n'ibiti bishya ibihumbi makumyabiri na bine(240000).

**Ingingo ya 5: Ishyamba ry'Ishuri**

Buri Shuri rigomba kugira agashyamba k'Ishuri

**Ingingo ya 6: Ibiti bivangwa n'imyaka**

Mu rwego rwa gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka (LUC), imirwanyasuri yose igomba kuba iteyeho ibiti bivangwa n'imyaka. Buri hegitari igomba kuba iteyeho nibura ibiti 150 mu buryo bitabangamira imihingire. Guhuza imikoreshereze y'ubutaka bikorwa hitaweho ko 30% y'ubuso bwahujwe iba iteweho udushyamba.

**Ingingo ya 7: Gusarura ishyamba rya Leta**

Gusarura ishyamba rya Leta bitangirwa uruhushya n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Gucunga no Guteza Imbere Amashyamba (NAFA). Mu buryo busanzwe, uruhushya ruhabwa uwatsinze ipiganwa ryateguwe na NAFA amaze kwishyura amafaranga yose y'ibiti yatsindiye mu Kigega cy'Imari y'Amashyamba agashyikiriza Umukozi ushinzwe Amashyamba mu Karere inyemezabwishyu. Uburyo budasanzwe bugenwa na minisitiri ufite amashyamba mu nshingano ze.

**Ingingo ya 8: Gusarura ishyamba ry'Akarere**

Gusarura ishyamba ry'Akarere bitangirwa Uruhushya n'Umuyobozi w'Akarere binyuze mw'ipiganwa bikomezwa n'Inama Njyanama y'Akarere. Umukozi ushinzwe amashyamba mu Karere agomba kubanza akemeza mu nyandiko ko ishyamba risabirwa

gusarurwa rikwiye gusarurwa koko kandi ko nta ngaruka bizagira ku rusobe rw'ibinyabuzima n'ibidukikije.

Ishyamba ry'Akarere risaruwe hagamijwe kugurisha, risarurwa ari uko hamaze kwishyurwa 1% ry'agaciro karyo mu Kigega cy'imari y'Amashyamba.

### **Ingingo ya 9: Gusarura amashyamba y'abaturage**

Gusarura ishyamba ry'umuturage ritagejeje kuri kimwe cya kabiri cya hegitare (1/2 cya ha) ntibisabirwa uruhushya. Gusa, mu rwego gukumira ingaruka zaterwa no gusarurira rimwe amashyamba yegeeranye, ishyamba risarurwa rigomba kuba riri nibura muri metero 20 y'ahasaruwe ishyamba nkaryo mu myaka nibura itatu (3) ishize byaba atari ibyo hagategerezwa ko iyo myaka ishira rikabona gusarurwa.

Iyo ishyamba risarurwa ringana cyangwa rirengeje kimwe cya kabiri cya hegitare (1/2 ha), uwifuza kurisarura abimenyesha Umukozi ushinzwe Amashyamba mu Karere, kugira ngo agirwe inama y'uburyo akwiye gusarura.

Iyo ishyamba risarurwa ringana cyangwa rirengeje hegitare ebyeri (2 ha), ukeneye gusarura abisabira uruhushya. Uruhushya rutangwa n'Umukozi ushinzwe Amashyamba mu Karere. Uwemerewe uruhushya aruhabwa amaze kwishyura rimwe ku ijana (1%) ry'agaciro k'ishyamba risarurwa mu Kigega cy'Imari y'Amashyamba.

Iyo ibisarurwa ari ibiti bidashibuka, mbere y'uko ahabwa uruhushya umuturage usaba gusarura yiyemeza mu buryo bw'inyandiko kongera gutera ibiti aho yasaruye mu gihe cy'itera gikurikiranye n'igihe yasaruriye.

### **Ingingo ya 10: Gutema ibiti byo ku mihanda**

Ibiti byo ku muhanda bigira uruhare runini mu kurinda iyangirika ry'umuhanda. Ntibigomba gusarurwa bisanzwe keretse iyo bikuze bihagije cyangwa bigaragaye ko bishobora guteza impanuka.

Iyo bibaye ngombwa ko bitemwa, haterwa ibiti byo kubisimbura byibuze imyaka itatu (3) mbere y'uko ibindi bitemwa.

Gutema ibiti byo ku muhanda bitangirwa uruhushya ruhabwa uwatsinze ipiganwa. Amasoko yo kugura ibiti biteye ku mihanda ya Leta atangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Gucunga no Guteza Imbere Amashyamba (NAFA). Uwatsindiye isoko atangira gutema ibiti ari uko amaze kwishyura amafaranga yose y'ibiti yahawe mu Kigega cy'imari y'Amashyamba. Ibiti bitari ku mihanda ya Leta umusaruro uvuyemo uba uwa nyirabyo.

Igiti kimwe cyangwa byinshi biteye ku muhanda bishobora gutemwa hadatanzwe uruhushya mu gihe bigaragaye ko gutanga isoko bizarangira hari ibyangiritse. Urwego rw'Ubuyobozi ruri hafi cyangwa undi uwo ariwe wese ashobora gutema icyo giti kugira ngo hirindwe impanuka gishobora guteza. Icyo gihe Urwego rw'ubuyobozi ruri hafi rugomba guhita rutanga raporo ku Mukozi ushinzwe Amashyamba mu Karere.

Igiti cyatemwe muri ubu buryo, kiragurishwa kandi uwagitemye akabihemberwa. Ubwishyu bukurwa mu musaruro wavuye mu igurishwa ry'igiti cyatemwe.

**Ingingo ya 11: Kudasimbuza amashyamba ibindi bikorwa**

Ishyamba iryo ariryo ryose, iry'umuturage, iry'umuryango utegamiye kuri Leta, iry'ishyirahamwe, iry'Akarere cyangwa irya Leta, uko ryaba ringana kose, birabujijwe kurisimbuza ibindi bikorwa keretse bitangiwe uburenganzira na Minisitiri ufite Amashyamba mu nshingano ze.

Gusarura ishyamba rigizwe n'ibiti bidashibuka bigomba gukorwa hateguwe umugambi wo gusimbuza ibiti byasaruwe.

Iyo bibaye ngombwa ko ishyamba ritsembwa burundu kugira risimbuzwe ibindi bikorwa, uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite Amashyamba mu Nshingano ze.

**Ingingo ya 12: Gutwika amatafari n'amategura**

Gutwika amatafari n'amategura hakoreshejwe ibiti birabujijwe.

Usaba icyemezo cyo gutwika amatafari cyangwa amategura mu Nzego z'Ubuyobozi agomba kugaragaza ibyo azakoresha mu gutwika amatafari cyangwa amategura. Ufashwe atwikisha ibiti, ibikoresho yakoreshegaga, kimwe n'amatafari cyangwa amategura yatwitse birafatirwa Ubuyobozi bw'Akarere bugateganya icyo bizakoreshwa mu bikorwa by'inyungu rusange.

Biramutse bibaye ngombwa, uruhushya rudasanze rwo gutwika amatafari n'amategura hakoreshejwe ibiti rutangwa na Minisitiri ufite amashyamba mu nshingano ze.

**Ingingo ya 13: Gutwara ibikomoka ku mashyamba**

Uruhushya rwo gutwara ibikomoka ku mashyamba ruhabwa umuntu wese wifuzaga gutwara ibikomoka ku mashyamba bimeze uko byasaruwe cyangwa byahinduwemo ibindi, amaze kugararagaza aho azabikura. Uruhushya rutangwa n'Umukozi ushinze Amashyamba mu Karere. Uhawe uruhushya yishyura mu Karere amafaranga agendanye n'iyi service ahawe gusa.

Uwahawe uruhushya arugaragaza igihe cyose ari mu gikorwa yarusabiye kandi akarwerekana igihe cyose arusabiwe n'Inzego z'Ubuyobozi. Urwo ruhushya ntirurenze amezi atatu (3).

**Ingingo ya 14: Ingingo zihana**

Umuntu wese uzafatwa akora igikorwa kinyuranye n'ibiteganijwe mu Itegeko rigenga Amashyamba kimwe n'aya mabwiriza azabikurikiranwaho mu nzego zibifitiye ububasha.

Uwangije igiti ahanwa k'undi wese wangije cyangwa wanyereje umutungo wa Leta, by'umwihariko asabwa no kuriha agaciro k'igiti yangije hiyongereyeho amafaranga yo kongera kugitegura, kugitera no kugikurikirana kugeza cyongeye gukura, agacibwa n'ihazabu yo kwangiza ibidukikije.

Umuntu wese uzafatirwa mu gikorwa gisabirwa uruhushya atarufite, azafatwa nk'uwangiza kandi acibwe amafaranga ahwanye n'agaciro k'ibyo yangije.

Ku wafatiwe mu ikosa ryo gusarura adafite uruhushya, azacibwa incuro ebyeri (2) z'amafaranga yari gutanga mu Kigega cy'imari y'Amashyamba iyo aza kuba yasabye uruhushya, kandi abihanirwe nk'uwangije amashyamba.

Ufatiwe mu ikosa ryo gutwara ibikomoka ku mashyamba adafite uruhushya, acibwa incuro eshanu (5) z'amafaranga yari gutanga mu Karere iyo aza kuba yasabye uruhushya kandi agahanwa nk'uwangiza amashyamba.

**Ingingo ya 15: Ingingo z'inzibacyuho n'izisoza**

Impushya zatanzwe zikurikije amategeko mbere y'aya mabwiriza zikomeza kugira agaciro kugeza igihe zateganirijwe kirangiye.

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa igihe yashyiriweho umukono na Minisitiri w'Amashyamba.

Bikorewe i Kigali, kuwa 28/12/2010

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
**Minisitiri w'Amashyamba na Mine**

<b>AMABWIRIZA RUSANGE N°05/2010 YO KUWA 27/12/2010 YA BANKI NKURU Y’U RWANDA YEREKERANYE N’IBISABWA MU KWEMERERWA GUKORA UBURYO BW’IMYISHYURANIRE N’UBURYO BW’IHWANYABWISHYU RY’INYANDIKO Z’AGACIRO</b>	<b>REGULATION N°05/2010 OF 27/12/2010 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA RELATING TO THE LICENSING CRITERIA OF OPERATING PAYMENT AND SECURITIES SETTLEMENT SYSTEMS</b>	<b>REGLEMENT N°05/2010 DU 27/12/2010 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA RELATIF AUX CRITERES D’AGREMENT D’EXPLOITATION DE SYSTEMES DE PAIEMENT ET DE REGLEMENT DES TITRES</b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE :</u> INGINGO RUSANGE</b>	<b><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES</b>
<b><u>Ingingo ya mbere1:</u> Ikigamijwe</b>	<b><u>Article one:</u> Purpose</b>	<b><u>Article premier:</u> Objet</b>
<b><u>Ingingo ya 2 :</u> Ibisobanuro</b>	<b><u>Article 2:</u> Definitions</b>	<b><u>Article 2:</u> Definitions</b>
<b><u>UMUTWE WA II:</u> UBURYO BWO KWEMERERWA GUKORA</b>	<b><u>CHAPTER II:</u> LICENSING PROCEDURE</b>	<b><u>CHAPITREII:</u> PROCEDURE D’OBTENTION DE LICENCE</b>
<b><u>Ingingo ya 3:</u> Kwemererwa</b>	<b><u>Article 3:</u> Licensing</b>	<b><u>Article 3:</u> Octroi de licence</b>
<b><u>Ingingo ya 4:</u> Gusaba kwemererwa gukora</b>	<b><u>Article 4:</u> Application for a license</b>	<b><u>Article 4:</u> Demande d`agrément</b>
<b><u>Ingingo 5 :</u> Ibarwa yemeza ko inyandiko isaba yakiriwe</b>	<b><u>Article 5:</u> Letter of acknowledgement</b>	<b><u>Article 5:</u> Lettre d`accusé de réception</b>
<b><u>Ingingo ya 6:</u> icyemezo cya Banki Nkuru ku birebana no kwemererwa gukora</b>	<b><u>Article 6:</u> Central Bank’s decision on granting a license</b>	<b><u>Article 6:</u> La décision de la Banque Centrale sur l`octroi d`une licence</b>
<b><u>Ingingo ya 7 :</u> Uburyo bwo kugira uruhare</b>	<b><u>Article 7:</u> Access Regime</b>	<b><u>Article 7:</u> Régime d`accès</b>
<b><u>Ingingo ya 8 :</u> Amafaranga yishyurwa mbere yo guhabwa uruhushya</b>	<b><u>Article 8:</u> License fees</b>	<b><u>Article 8:</u> Frais de licence</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Kwambura cyangwa guhagarika by’agateganyo uruhushya</b>	<b><u>Article 9:</u> Withdraw or suspension of license</b>	<b><u>Article 9:</u> Retrait ou suspension de la licence</b>



<b><u>Ingingo ya 10</u></b> : Guhagarika ibikorwa by'urwego runaka	<b><u>Article 10</u></b> : Discontinuing operating the System	<b><u>Article 10</u></b> : Arrêter le fonctionnement du système
<b><u>Ingingo ya 11</u></b> : icyemezo cya Banki Nkuru	<b><u>Article 11</u></b> : Action of the Central Bank	<b><u>Article 11</u></b> : Action de la Banque Centrale
<b><u>Ingingo ya 12</u></b> : Gusubiza uruhushya	<b><u>Article 12</u></b> : Return of the license	<b><u>Article 12</u></b> : Restitution de la licence
<b><u>Ingingo ya 13</u></b> : Kuvanga umutungo	<b><u>Article 13</u></b> : Merger	<b><u>Article 13</u></b> : Fusion
<b><u>Ingingo ya 14</u></b> : Imikoranye n'abandi batanga impushya	<b><u>Article 14</u></b> : Cooperation with other licensing authorities	<b><u>Article 14</u></b> : Coopération avec autres organes d'agrément
<b><u>IGICE CYA III</u></b> : INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<b><u>CHAPTER III</u></b> : TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<b><u>CHAPITRE III</u></b> : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<b><u>Ingingo ya 14</u></b> : Uburyo bwo kwishyurana busanzwe bukora	<b><u>Article 14</u></b> : Existing systems	<b><u>Article 14</u></b> : Les systèmes existants
<b><u>Ingingo ya 15</u></b> : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	<b><u>Article 15</u></b> : Repealing provisions	<b><u>Article 15</u></b> : Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 16</u></b> : Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa	<b><u>Article 16</u></b> : Commencement	<b><u>Article 16</u></b> : Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA RUSANGE N°05/2010 YO KUWA 27/12/2010 YA BANKI NKURU Y'U RWANDA YEREKERANYE N'IBISABWA MU KWEMERERWA GUKORA UBURYO BW'IMYISHYURANIRE N'UBURYO BW'IHWANYABWISHYU RY'INYANDIKO Z'AGACIRO**

Ishingiye ku itegeko n° 55/2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 9, iya 56, iya 57 n'iya 72;

Ishingiye ku itegeko n° 03/2010 ryo kuwa 26/02/2010 ryerekeye uburyo bw'imyishyuranire, cyane cyane mu ingingo yaryo ya 5 ;

Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa « **Banki Nkuru** », itegeitse :

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Ikigamijwe**

Aya mabwiriza rusange ashiraho ibikurikizwa mu kwemererwa gukora uburyo bw'imyishyuranire n'uburyo bw'ihwanyabwishyu ry'inyandiko z'agaciro gukora abakora uburyo bwo kwishyurana.

**REGULATION N°05/2010 OF 27/12/2010 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA RELATING TO THE LICENSING CRITERIA OF OPERATING PAYMENT AND SECURITIES SETTLEMENT SYSTEMS**

Pursuant to Law n° 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in articles 6, 9, 56, 57 and 72;

Pursuant to Law n° 03/2010 of 26/02/2010 concerning the Payment System, especially in its article 5;

The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as "the **Central Bank**", decrees:

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article one: Purpose**

This regulation sets forth the rules relating to the licensing criteria of operating payment and securities settlement systems.

**REGLEMENT N°05/2010 DU 27/12/2010 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA RELATIF AUX CRITERES D'AGREMENT D'EXPLOITATION DE SYSTEMES DE PAIEMENT ET DE REGLEMENT DES TITRES**

Vu la loi n° 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 9, 56, 57 et 72;

Vu la loi n° 03/2010 du 26/02/2010 relative au système de paiement, spécialement en son article 5 ;

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée " **La Banque Centrale**", édicte :

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet**

Ce règlement établit les règles relatives aux critères d'agrément d'exploitation de systèmes de paiement et de règlement des titres.

**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro**

Amagambo akoreshwa muri aya mabwiriza afite ibisobanuro bikurikira:

“**Uburyo bwo kugira uruhare**”, mu buryo bw’imyishyuranire, bisobanura uburyo ngenamikorere cyangwa ibisabwa kugira ngo umuntu agire uruhare mu buryo bwo kwishyurana akore uburyo bwo kwishyurana, bikozwe mu buryo bw’ubucuruzi bunoze kandi bukurikije amategeko.

« **Uwohererejwe** » : Hakubiyemo abatanga servisi zo kwishyurana, abakora uburyo bwo kwishyurana n’ababugiramo uruhare n’abandi bose bashobora kugenzurwa

« **Banki Nkuru** » : Banki Nkuru y’u Rwanda ;

“**ushinzwe imikoreshereze**”: ikigo gishinzwe imikoreshereze cyangwa imicungire y’uburyo bwo kwishyurana;

“**ufite uruhare mu kwishyurana**”: ikigo gifite uruhare mu buryo bwo kwishyurana cyangwa umwe mu bashyize umukono ku masezerano agenga uburyo bwo kwishyurana, harimo n’ushinzwe kubukoresha. Hashobora kubaho ikigo gifite uruhare rutaziguye gifite uburenganzira bwo kwishyurana muri ubwo buryo n’ikindi gifite uruhare ruziguye cyishyurana gikoresheje konti

**Article 2: Definitions**

Terms and expressions used in this regulation have the following meaning:

“**Access regime**”, in relation to a payment system, means a formal arrangement or a framework of conditions of the entitlement or eligibility of a person to become a participant in the system, as a user of the system, on a commercial basis on terms that are fair and reasonable.

“**Addressee**” includes the payment services provider, the operator of a system, participants and other persons who are subject to oversight;

“**Central bank**” the National Bank of Rwanda;

“**Operator**”: the entity that is in charge of the operation or administration of the payment system;

“**Participant**”: an entity that has a role in the Payment System or one of the parties to an arrangement that establishes a System, including its Operator. There may be an entity that has a direct role with rights in the Payment System and the other with indirect rights that is able to settle only through the accounts of a direct Participant;

**Article 2: Definitions**

Les termes et les expressions utilisées dans ce règlement ont des significations suivantes :

“**Régime d’accès**”, en relation avec le système de paiement, signifie un arrangement formel ou le fondement des conditions d’entêtement ou l’éligibilité d’une personne de devenir le participant dans le système, comme utilisateur du système, sur base commerciale en termes loyales et raisonnables

“**Destinataire**” inclue le prestataire des services de paiement, l’opérateur du système, les participants et d’autres personnes qui sont sujets de contrôle ;

“**Banque centrale**” la Banque Nationale du Rwanda ;

« **opérateur** » : l’entité qui est responsable du fonctionnement ou de l’administration d’un système de paiement ;

“**Participant**”: entité qui a un rôle dans un système de paiement ou une partie à un accord qui établit un système, incluant son opérateur. Une distinction peut exister entre participants directs capables de régler directement à travers le système et un participant indirect pouvant seulement régler à travers les comptes du participant direct;

y'ikigo gifite uruhare rutaziguye;

“uburyo bwo kwishyurana” : harimo uburyo bw’imyishyuranire, uburyo bw’igenabwishyu cyangwa uburyo bw’ihwanyabwishyu ry’inyandiko z’agaciro;

“System”: includes a payment system, a clearing system or a securities settlement system;

« système » : un système de paiement, un système de compensation ou un système de règlement de titres ;

## **UMUTWE WA II: UBURYO BWO KWEMERERWA GUKORA**

## **CHAPTER II: LICENSING PROCEDURE**

## **CHAPITRE II: PROCEDURE D’OBTENTION DE LICENCE**

### **Ingingo ya 3: Kwemererwa**

### **Article 3: Licensing**

### **Article 3: Octroi de licence**

Nta muntu cyangwa ikigo gishobora gukora imirimo yo kwishyurana kidafite uruhushya rucyemerera kuyikora rutangwa na Banki Nkuru.

No entity may establish or operate a system, unless it is in possession of a license for this purpose, obtained from the Central Bank.

Aucune personne ou entité ne peut opérer ou établir un système à moins qu’il possède une licence pour cette fin, obtenue auprès de la Banque Centrale

### **Ingingo ya 4: Gusaba kwemererwa gukora**

### **Article 4: Application for a license**

### **Article 4: Demande d’agrément**

Kugirango kibyemererwe, ikigo kigomba koherereza Banki Nkuru ibarwa iherekejwe byibura n’izi nyandiko zikurira:

In order to obtain a license, an institution will provide to the Central Bank an application letter accompanied by at least the following documentation:

Pour obtenir une licence, doit soumettre à la Banque Centrale une lettre de demande, accompagnée au moins des informations suivantes:

- a) Ibisobanuro birebana n’imiterere y’uburyo bwo kwishyurana ndetse n’ikigamijwe mu rwego rw’ubucuruzi;
- b) Ubwumvikane buriho umukono n’amategeko shingiro ku kigo cyashinzwe hagamijwegukora uburyo bwo kwishyurana hamwe n’ibisobanuro birambuye kuri banyiri kigo n’imiyoborere yacyo.
- c) Umushinga w’ibikorwa w’imyaka itanu iri imbere ;

- a) description of the organization of the system and its business rationale.
- b) signed memorandum of agreement and articles of association for the company formed to operate the system and details on the ownership and governance of such company.
- c) business plan for the following five years;

- a) Description d’organisation du système et sa rationale commerciale
- b) Un mémorandum d’accord signé et des l’acte constitutif d’association pour l’entreprise formé pour opérer le système ainsi que et les détails sur le propriétaire et la gouvernance de cet entreprise
- c) Le plan d’affaire pour les cinq ans à venir

*Official Gazette n°special 30/12/2010*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| d) Ibisobanuro kuri politiki n'imikoreshereze y'uburyo bwo kwishyurana, harimo :  | d) description of policies and/or procedures of the system, including:   | d) la description de politique et/ou les procédures du système, incluant:   |
| i. Ibigenderwaho byashyizweho kugira ngo umuntu mu buryo buziguye cyangwa butaziguye agire uruhare mu buryo bwo kwishyurana, mu buryo bukwiye kandi butavangura,  | i. the criteria established for direct and indirect participation into the system, to be safe and non discriminatory,  | i. les critères établis pour la participation directe et indirecte dans le système, d'une façon tranquille et non discriminatoire,  |
| ii. amahame yo gukora uburyo bwo kwishyurana ;  | ii. the principle of operation of the system (real time, net, etc.),   | ii. le principe d'opération du système (le temps réel, net, etc....),   |
| iii. amategeko agenga uburyo bwo kwishyurana n'imirimo ikorerwa abagira uruhare ;   | iii. the rules of the system and service levels to be provided to the participants,  | iii. les règles du système et les étapes de service qui seront donnés aux participants  |
| iv. isesengura ry'ibibazo n'ingamba zo kubikumira mu mikorere byaterwa ku kubura bushobozi bwo kwishyura cyangwa bwo kutishyura bw'abafite uruhare mu buryo bwo kwishyurana ruziguye cyangwa rutaziguye harimo n'ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo nk'ibyoye ; | iv. an analysis of the risk and measures to limit risks in the system arising from illiquidity or insolvency of (direct and indirect) participants, including capacity to manage such risks, | iv. l'analyse des risques et les mesures pour limiter les risques dans le système croissant de manque de liquidité ou l'insolubilité des participants (direct ou indirect), incluant la capacité de contrôler de telles risques |
| v. ingamba zikoreshwa mu kurinda ibikorwa bya teknikiki, harimo no kuziba icyuho mu gihe uburyo busanzwe bukoreshwa bwananirwa gukora   | v. the measures employed to safeguard technical operations, including a contingency plan in the event of any operational disruption should cause the ordinary system fail to function,       | v. les mesures utilisées pour la sauvegarde des opérations techniques, inclue le plan de contingence en cas ou le dérangement opérationnel causerait le système ordinaire de ne pas fonctionner.                                |
| vi. ingamba zafashwe mu kurinda ry'ibikorwa by'ikoranabuhanga byo gutunganya no kubika amakuru ajyanye n'uburyo bwo kwishyurana harindwa imenwa ry'ibanda, ikoreshwa nabi,  | vi. the measures taken to secure the protection of electronic processing and the storage of data relating to the system against disclosure, misuse, damage, destruction, loss or theft.      | vi. les mesures prises pour assurer la protection du fonctionnement électronique et le stockage des données en relation avec le système pour protéger le secret et contre l'utilisation abusive, l'usure, la destruction,       |

kwangirika, kubura cyangwa kwibwa.

la perte ou le vol.

- |   |   |  |
|---|---|--|
| e) ibisobanuro birambuye ku bujyenzuzi bw'imbere harimo imiterere, ikigamijwe, inzira n'inshuro zo gutanga raporo ;   | e) Details of the internal audit function including structure, scope, reporting lines and the regularity of reporting.  | e) Les détails de l'audit interne incluant la structure, l'étendue, les lignes et la régularité de reporting.  |
| f) Uburyo bwo kwifashisha ibindi bigo mu gukora imirimo n'uburyo bwo kugenzura bijyanye n'aya mabwiriza ;   | f) Outsourcing arrangements and monitoring measures according to this regulation.   | f) Les arrangements de sous-traitance et les mesures de surveillance selon ce règlement.   |
| g) Ishusho ry'ibikorwa by'ikoranabuhanga, harimo ikigamijwe, imiterere n'inzira raporo inyuzwamo hamwe n'igishushanyo ngenderwaho, hamwe kandi n'icyemezo cy'ikigo kigenzura imirimo ifitiye akamaro igihungu cyemeza ko cyagenzuye ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga bikora uburyo bwo kwishyurana ; | g) overview of the information technology functions, including scope, structure and reporting lines with an attached organizational chart, as well as evidence that the Regulator of public utilities certified the technology infrastructure operating the system; | g) La vue des fonctions de technologie d'information, inclue l'étendue, la structure et les lignes de rapport avec un diagramme organisationnel attaché, ainsi que la preuve que le régulateur des Utilité publique a approuvé l'infrastructure technologique d'opérant le système |
| h) Igena migambi ry'abakozi kugira ngo hizezwe ko hari abakozi bakwiye mu gukora uburyo bwo kwishyurana ;   | h) human resources plan to ensure adequate resources to the operation of the System.  | h) Le plan des ressources humaines pour assurer les ressources pour l'opération du système   |
| i) N'izindi nyandiko Banki Nkuru yabona ko ari ngombwa.   | i) Any other documents deemed as necessary by the Central Bank.   | i) Tous autres documents considérés comme nécessaires par la Banque Centrale.  |
| Ikigo gishaka gukora uburyo bwo kwishyurana kigomba kwereka Banki Nkuru ko :  | An Institution wishing to operate a system shall further prove to the Central Bank that:  | Une institution qui veut opérer le système montrera à la Banque Centrale que :   |
| a) Ikigo cyanditwe mu Rwanda ;  | a) The Operator of the System is registered in Rwanda;  | a) L'opérateur du système est enregistré au Rwanda ;   |
| b) icyemezo cyo gukorera mu gihugu gikomokamo, aho ari ngombwa ;  | b) A License to operate in the home/base country, where applicable;   | b) La licence d'opérer dans le pays d'origine, la où c'est nécessaire ;  |

- |  |   |  |
|--|---|--|
| <p>c) Usaba agomba kugira icyemeza ko nibura afite ishyingu ryibitswe mu mafaranga ritari muni y'amafaranga y'u Rwanda 500,000,000. Banki Nkuru ishobora guhindura iyi ngano y'amafaranga;</p>                               | <p>c) Evidence that the applicant holds a capital of a minimum paid up cash capital of not less than 500,000,000 RWF Rwanda Francs. These amounts are subject to change with appropriate notification from the Central Bank;</p>                              | <p>c) Il est évident que le demandeur possède le capital minimum payé cash qui n'est pas moins de 500,000,000 Francs Rwandais. Ce montant est sujet de modification par la notification de la Banque Centrale ;</p>  |
| <p>d) ukora uburyo bwo kwishyura afite ubumenyi buhagije mu bya tekini n'imiyoborere mu gukora uburyo bwo kwishyurana,, harimo uburyo nyabwo mu kujyenzura no gukumira ibazo bijyanye no gukora uburyo bwo kwishyurana ;</p> | <p>d) The operator of the system has suitable and sufficient technical as well as organizational skills to operate the system, including the proper mechanisms to achieve internal control and risk management as related to the operation of the System;</p> | <p>d) L'opérateur du système possède les connaissances techniques suffisantes ainsi qu'organisationnel pour opérer le système, inclus les mécanismes propres pour effectuer le control interne et la gestion des risques en relation avec l'opération du système ;</p> |
| <p>e) Abantu bagenwe kuba abagize inama y'ubuyobozi ndetse n'ukora uburyo bwo kwishyurana bagomba kuba kuba inyangamugayo kandi babifitiye ubushobozi.</p>   | <p>e) The persons proposed as members of the management body and the operator are professionally qualified and persons of probity.</p>  | <p>e) Les personnes désignées comme le corps de gouvernance et l'opérateur sont professionnellement qualifiés et honnêtes.</p>   |

**Ingingo 5 : Ibarwa yemeza ko inyandiko isaba yakiriwe**

Iyo Banki Nkuru imaze kwakira ibarwa isaba kwemererwa ndetse n'amafaranga asabwa na Banki Nkuru mu ngingo ya 10 y'aya mabwiriza n'impapuro ziyaherekeje zivugwa mu ngingo ya 4 n'ya 5, yohereza usaba, mu gihe cy'iminsi 7, ibarwa yemeza ko ibarwa isaba yakiriwe cyangwa ko itakiriwe.

Ibarwa yemeza ko inyandiko isaba yakiriwe ihamya ko inyandiko yatanze yuzuye, bityo ko rero isuzuma rishobora gutangira.

**Article 5: Letter of acknowledgement**

Upon receipt of an application letter together with the requisite license fee prescribed by the Central Bank under article 8 of this regulation and supporting documents in accordance with articles 4 and 5, the Central Bank shall, within seven days, send the applicant a formal letter of acknowledgement or a letter of deficiency as the case may be.

A letter of acknowledgement shall constitute official notice that the documents submitted were found to be complete and that the processing or evaluation may commence.

**Article 5: Lettre d'accusé de réception**

Dès la réception d'une lettre de demande avec des frais de licence requis par la Banque Centrale à l'Article 10 de ce Règlement, ainsi que des pièces justificatives, en vertu des Articles 4 et 5 de ce même Règlement, la Banque Centrale, dans un délai de sept jours ouvrables, doit envoyer au demandeur une lettre officielle d'accusé de réception, ou une lettre de défaillance, selon le cas.

Une lettre d'accusé de réception constitue un avis officiel signifiant que les documents soumis sont complets et que le traitement ou l'évaluation du dossier va bientôt commencer

Ibarwa yo kwanga inyandiko isaba igaragaza ibyabuze mu nyandiko isaba byose kandi igatanga igihe ntarengwa cyo kuba hakosowe ibibura. Banki Nkuru nta cyemezo ishobora gufata uretse gusa ibyo bibura bibanje gukosorwa mu gihe cyagenwe hanyuma ibarwa yemeza ko kwakira inyandiko ikabona kwoherezwa ku uwasabye kwemererwa gukora.

**Ingingo ya 6: icyemezo cya Banki Nkuru ku birebana no kwemererwa gukora**

Mu gihe cy'amezi 3 Banki Nkuru yakiriye inyandiko yuzuye isaba kwemererwa, ikora igenzura ikanategura igisubizo cyoherezwa uwanditse asaba.

Raporo igomba kugaragaza ko inyandiko yari yujuje ibisabwa nk'uko biteganywa n'itegeko cyangwa/ n'amabwiriza, cyangwa se niba Banki Nkuru isanga ko gutanga uruhushya bisaba ko hari ibindi bisabwa bigomba kubanza kuzuzwa isanze ari ngombwa.

Iperereza rishobora gusaba ko habaho guhura n'usaba kwemererwa agatanga ibisobanuro bihagije, haba mu magambo cyangwa se mu nyandiko. Iyo bitanzwe mu magambo, Banki Nkuru itegura inyandiko mvugo y'uguhura kwabo igashyirwaho umukono n'usaba kwemererwa.

Banki Nkuru imenyeshya usaba, mu nyandiko, icyemezo cyayo cyo kumwemerera cyangwa kumwangira gukora. Inyandiko imumenyeshya ko atemerewe gukora igomba kugaragaza impamvu zashingiweho.

A letter of deficiency shall outline deficiencies in the application; provide a deadline for rectification of the deficiencies. No further action shall be taken by the Central Bank unless the deficiencies are rectified within the period prescribed and a letter of acknowledgment is submitted to the applicant.

**Article 6: Central Bank's decision on granting a license**

The Central Bank shall, within three months after receipt of a complete application, investigate; prepare a response to the applicant.

The report shall indicate whether the application satisfies all requirements as established by law and/or regulation, as well as whether the granting of the license could be subject to the fulfilment of certain conditions that the Central Bank may deem necessary.

The investigation may require direct contacts and clarifications by the applicant, to be provided either in writing or verbally. In this second case, the Central Bank shall draft minutes of the meeting to be signed by the applicant.

The Central Bank shall inform the applicant, in writing, of its decision to grant or refuse to grant the license. A notice communicating the decision not to grant a license shall state the grounds upon which it is based.

Une lettre de défaillance indique les lacunes relatives à la demande et donne une date-limite pour la rectification des insuffisances. Aucune mesure supplémentaire ne peut être prise par la Banque Centrale avant la rectification des ces insuffisances dans les délais prescrits, et la lettre d'accusé de réception est envoyée au demandeur.

**Article 6: La décision de la Banque Centrale sur l'octroi d'une licence**

La Banque Centrale, dans les trois mois à compter de la réception d'une demande complète, doit mener une enquête sur le demandeur et préparer une réponse à son encontre.

Le rapport doit indiquer si la demande répond à toutes les conditions requises établies par la loi et/ou le règlement, et si l'octroi de la licence peut être soumis à certaines conditions jugées nécessaires par la Banque Centrale.

L'enquête peut exiger des contacts directs et des clarifications écrites ou verbales du demandeur de licence. Dans le deuxième cas, la Banque Centrale doit préparer un procès-verbal de la réunion devant être signée par le demandeur.

La Banque Centrale doit informer le demandeur, par écrit, de sa décision d'accord ou de refus d'octroi de licence. Un avis de rejet de la demande de licence doit fournir les raisons sur lesquelles ce refus est basé.



Kugirango ikigo gikore kigomba gutanga icyemezo cyuko gifite ubwishingizi bw'amafaranga 500, 000,000 ari nk'ingwate y'amafaranga azanyuzwa muri ubwo buryo bwo kwishyurana.

The granting of a license to an applicant shall be conditional upon delivering of evidence of an insurance policy covering 500,000,000 Frw for an applicant wishing to operate the system; as security for the funds channeled through the system.

L'octroi de licence au demandeur sera conditionnelle sur la délivrance de preuve d'une assurance de 500, 000,000Frw pour un demandeur désirant d'opérer le système, comme sécurité des fonds circulant à travers le système.

Uruhushya ntirugomba guhabwa undi wariwe wese cyangwa umuzungura wemewe n'amategeko.

A license may not be transferred to any other person, or assigned to a legal successor.

La licence ne doit pas être octroyée à toute autre personne, ou assignée au successeur légal.

**Ingingo ya 7 : Uburyo bwo kugira uruhare**

**Article 7: Access Regime**

**Article 7: Régime d'accès**

Hatitawe ko ari umwe mu bagize uruhare, ko ari ushinzwe imikoreshereze cyangwa ko ashinzwe ihwanyabwishyu, Banki Nkuru ishobora gutegeka ugena uburyo bwo kugira uruhare mu buryo bwo kwishyurana, uburyo bwo bwo kugira uruhare hitabwa ku buryo runaka bwo kwishyurana, hagenewe ku mabwiriza ndenderwaho Banki Nkuru ibona ko akwiye.

The Central Bank may impose an access regime in respect of a system on the person who determines access to the System, regardless of whether he is a participant, an operator or a settlement agent, on such terms and conditions as the Central Bank may consider appropriate.

La Banque Centrale peut imposer un régime d'accès en respectant le système, sur la personne qui détermine l'accès au système, sans compter s'il est participant, un opérateur ou un organe de règlement, en termes et conditions que la Banque Centrale considère appropriées.

Hategekwa uburyo bwo kugira uruhare buvugwa mu gika cya mbere, Banki Nkuru yibanda kuri ibi bikurikira :

In considering whether to impose an access regime under paragraph 1, the Central Bank shall take into consideration the following:

Lorsqu'elle impose le régime d'accès sous le paragraphe 1, la Banque Centrale prend en considération ce qui suit:

- a) Niba ugutegeka uburyo bwo kugira uruhare hubahirizwa uburyo bwo kwishyurana biri mu nyungu rusange
- b) inyungu z'abafite uruhare, iz'ushinzwe imikoreshereze n'izushinzwe uburyo bw'imyishyuranire
- c) inyungu z'abantu bashaka kugira uruhare mu buryo bwo kwishyurana mu gihe kiri

- a) whether the imposition of the access regime in respect of the System would be in the public interest;
- b) the interests of the current participants, operator and settlement agent;
- c) the interests of persons who, in the future, may require or desire access to the

- a) si l'imposition de régime d'accès en respect du système serait dans l'intérêt public
- b) les intérêts des participants présents, l'opérateur et l'organe de règlement
- c) les intérêts de personnes qui, dans le future, voudront ou désireront l'accès au

<p>imbere d) n'ibindi Banki Nkuru ibona ko bikwiye.</p>	<p>System; and d) such other matters as the Central Bank may consider to be relevant.</p>	<p>système d) Et d'autres matières considérées par la Banque centrale comme appropriées.</p>
<p>Banki Nkuru mu gutegeka uburyo bwo kugira uruhare nkuko byavuzwe mu gika cya 1, igomba kwizeza ko ubwo buryo buboneye kandi butavangura.</p>	<p>The Central Bank, in imposing an access regime under paragraph 1, shall ensure that the access regime is fair and not discriminatory.</p>	<p>La Banque Centrale doit, en imposant un régime d'accès le paragraphe 1, assurer que le régime d'accès est loyale et non discriminatoire.</p>
<p>Banki Nkuru ifite ububasha mu guhindura no gukuraho uburyo bwo kugira uruhare igendeye ku byavuzwe mu gika cya 2.</p>	<p>The Central Bank will have the authority to make variations to and to revoke the access regime based on assessment of the aforementioned items as stated in paragraph 2.</p>	<p>La Banque Centrale a l'autorité de modifier le régime d'accès sur base de l'évaluation sur les points ci- haut mentionnés dans le paragraphe 2.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8 : Amafaranga yishyurwa mbere yo guhabwa uruhushya</u></b> Amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1,000,000frw) adasubizwa yishyurwa mbere yo guhabwa uruhushya ni ngombwa kandi yishyurwa mu gihe cyo gusaba kwemererwa gukora.</p>	<p><b><u>Article 8: License fees</u></b> A non refundable application fee of one million Rwandan francs (1,000,000 Frws) shall become due and payable when applying for a license.</p>	<p><b><u>Article 8: Frais de license</u></b> Un montant non remboursable d'un million Francs Rwandais (1, 000,000 Frw) devient frais de licence et payable lors de la demande de la licence.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9: Kwambura cyangwa guhagarika by'agateganyo uruhushya</u></b></p>	<p><b><u>Article 9: Withdraw or suspension of license</u></b></p>	<p><b><u>Article 9: Retrait ou suspension de la licence</u></b></p>
<p>Banki Nkuru ishobora gufata icyemezo cyo kwambura cyangwa guhagarika by'agateganyo uruhushya rwahawe ushinzwe imikoreshereze igihe icyo aricyo cyose iyo:</p>	<p>The Central Bank may decide to withdraw or suspend the license granted to an operator at any time if:</p>	<p>La Banque Centrale peut décider le retrait ou la suspension de la licence octroyée à l'opérateur à n'importe quel temps si :</p>
<p>a) Uburyo bwo kwishyurana butigeze butangira imirimo mu gihe cy'amezi 12 uhereye igihe bwemerewe gukora;</p>	<p>a) the system has not commenced operations within 12 months of the date on which the license was granted to it;</p>	<p>a) Le système n'a pas commencé dans les 12 mois depuis la date de la délivrance de la licence ;</p>

*Official Gazette n°special 30/12/2010*

- |  |  |  |
|--|--|--|
| b) Uburyo bwo kwishyurana bwahagaze gukora mu gihe kirenze ukwezi kumwe  | b) the system has ceased to operate for a period of more than one month;   | b) Le système a cessé de fonctionner pour la période de plus d'un mois   |
| c) Ushinzwe imikoreshereze yabonye icyemezo cyo gukora mu buryo butari bwo cyangwa butemewe n'amategeko                              | c) the operator has obtained the license through incorrect statements or any other irregular means;  | c) L'opérateur a obtenu la licence dans les moyens incorrects ou non légaux ;  |
| d) Ibigenderwaho cyangwa ibisabwa byavuzwe mu aya mabwiriza bitarubahirijwe  | d) the conditions or requirements described in this regulation are not met;  | d) Les conditions ou les demandes décrits dans ce règlement ne sont pas respectés  |
| e) Imirimo y'urwego runaka ishyira mu kaga urwego rw'imari mu Rwanda   | e) the operations of the system endangers the stability of the financial system of Rwanda;   | e) Les opérations du système mettent en danger la stabilité du système financière du Rwanda  |
| f) Ushinzwe imikoreshereze yarahombye ku buryo budasubirwaho   | f) the Operator of the System is insolvent without possibility of recovery;  | f) l'Opérateur de service est dans le cas d'insolvabilité sans la possibilité de se remettre   |
| g) Iyo Banki Nkuru ibona ko ubwo buryo bwo kwishyurana butakiri mu nyungu rusange cyangwa butagifitiyeinyungu z'ababufitemo uruhare. | g) if in the opinion of the Central Bank, the system is no longer in the public interest or no longer represents the interest of the participants. | g) Si dans l'opinion de la Banque Centrale, le système n'est pas dans l'intérêt public ou ne représente pas l'intérêt des participants |

Banki Nkuru, ikimara gufata icyemezo cyo kwambura cyangwa guhagarika by'agateganyouruhushya, ibimenyesha uwo kigenewe.

The Central Bank shall, immediately after its decision on the withdrawal or suspension of the license; notify its decision to the addressee.

La Banque Centrale immédiatement après sa décision de retrait ou de suspendre la licence, annoncera sa décision au destinataire.

Banki Nkuru, ikimara gufata icyemezo cyo kwambura cyangwa guhagarika by'agateganyo uruhusa, itanga itangazo rigenewe abantu bose, mu buryo ibona ko bukwiriye.

The Central Bank shall, immediately after the withdrawal or suspension of the license, publish a public notice in such manner as it deems appropriate.

La Banque Centrale immédiatement après le retrait ou la suspension de la licence, publiera un avis public de telle manière qu'elle juge appropriée.

**Ingingo ya 10: Guhagarika ibikorwa by'urwego runaka**

**Article 10: Discontinuing operating the System**

**Article 10: Arrêter le fonctionnement du système**

Mu gihe ushinzwe imikoreshereze y'uburyo bwo kwishyurana yifuje guhagarika imirimo, agomba kubimenyesha Banki Nkuru y'u Rwanda akanayohereza raporo ku ihagarika ry'imirimo

In the case where any operator of system wishes to discontinue its services, the operator shall notify it to the Central Bank in writing, together with the report regarding the discontinuation, at least sixty

Au cas où l'opérateur du système désire d'arrêter ses services, il informera la Banque Centrale par écrit, avec le rapport concernant l'arrêt, au moins soixante jours avant le temps excepté de l'arrêt de

mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu mbere yo guhagarika imirimo ye.

days before its expected discontinuation of the services.

ses services.

**Ingingo ya 11 : icyemezo cya Banki Nkuru**

**Article 11: Action of the Central Bank**

**Article 11: Action de la Banque Centrale**

Iyo Banki Nkuru imaze kwakira ibarwa yo kumenyeshya yavuzwe mu ngingo ya 9, ifite ububasha bwo gusaba ushinzwe imikoreshereze y'uburyo n'abafite uruhare kugira icyo bakora cy'ibanze mbere yo guhagarika serivisi.

When received the notification under article 9, the Central Bank shall have power to order the operator and its participants to take any action prior to discontinue.

Lorsque qu'elle a reçu la notification sous l'article 9, la Banque Centrale a le pouvoir d'ordonner à l'opérateur et ses participants de prendre des dispositions adéquates préalables à la cessation de l'ensemble des activités.

**Ingingo ya 12 : Gusubiza uruhushya**

**Article 12: Return of the license**

**Article 12: Restitution de la licence**

Ushinzwe imikoreshereze y'uburyo bwo kwishyurana wese wifuzaga guhagarika imirimo ye agomba gusubiza Banki Nkuru uruhushya.

Any operator of system planning to discontinue shall return its license to the Central Bank.

Tout opérateur du système qui désire arrêter ses opérations remettra la licence à la Banque Centrale.

**Ingingo ya 13 : Kuvanga umutungo**

**Article 13: Merger**

**Article 13: Fusion**

Iyo ushinzwe imikoreshereze y'uburyo yifuzaga kwibumbira hamwe n'ibindi bigo, ibiteganywa mu ngingo ya 9 n'ya 10 bizakurikizwa uko biri.

In the case where the Operator wishes to merge with the others, the provision of article 9 and 10 shall be applied mutatis mutandis.

Au cas où l'opérateur veut se fusionner avec les autres, les clauses d'articles 9 et 10 sera appliquées mutatis mutandis.

**Ingingo ya 14 : Imikoranire n'abandi batanga impushya**

**Article 14: Cooperation with other licensing authorities**

**Article 14: Coopération avec autres organes d'agrément**

Banki Nkuru ishobora kugirana amasezerano hamwe n'abandi bagenzuzi amategeko yemera yo gukorana harimo no gufatanya gushyiraho imitangire y'impushya. Ibi bizakorwa hubahirijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

